REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°12/2018: **Taliki ya 1–30 Mata 2018**

Ryoherejwe kuwa 2 Gicurasi 2018

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse muri Mata 2018; cyagaragaje imvura nyinshi kuyari isanzwe iboneka kuri buri bupimiro
- **Ububobere bw'ubutaka** bwagaragaje impinduka mukwiyongera ndetse burongera buranagabanuka mu bice byinshi by'igihugu aho amashusho yerekana ubuhehere bwinshi kugeza kubuhagije (buri mu rugero)
- **Ukwezi kwa Gicurasi_2018;** hateganyijwe imvura **izagabanuka ku yo twabonye muri Mata** ndetse na Werurwe by'uyu mwaka

I. Iriburiro

Igiteranyo cy'imvura yabonetse muri Mata 2018; cyagaragaje imvura nyinshi kuyari isanzwe iboneka kuri buri bupimiro

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye muri Mata_2018 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	Mata_2018	Mata
Kigali (Kanombe)	245.8	162.9
Rusizi (Kamembe)	248.6	159.9
Rubavu (Gisenyi)	335.6	146.9
Nyamagabe (Gikongoro)	392.3	172.1
Ngoma (Kibungo)	265.2	170.3
Gicumbi (Byumba)	267.0	166.5
Bugarama	256.1	184.5
Bugarama	265.0	145.9
Musanze (Ruhengeri)	222.2	187.1
Gitega	302.7	100.1
Rubengera	284.6	121.2
Byimana	302.1	184.4
Kawangire	252.5	161.0
Nyagatare	186.3	103.4

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye muri Mata_2018; n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye muri Werurwe_2018 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): Mata_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): Mata



Ikarita ya3: Imvura yaguye (mm): Werurwe_2018



Ikarita ya4: Imvura isanzwe igwa (mm): Werurwe



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu muri Mata_2018 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse muri Mata 2018; cyagaragaje imvura nyinshi kuyari isanzwe kuri buri bupimiro (reba **Ikarita1&2** ndetse n'**Imbonerahamwe ya1**). Igiteranyo cy'imvura yabonetse muri Werurwe 2018; cyagaragaje imvura nyinshi kuyari isanzwe iboneka, uretse ku bupimiro bwa Rusizi hagaragaye imvura nke kuyari isanzwe ihagwa (reba **Ikarita3&4**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Mata 2018 igice cya mbere Ikarita6: Mata 2018 igice cya kabiri Ikarita7: Mata 2018 igice cya gatatu

Muri Mata_2018; amafoto y'icyogajuru yerekana ubwiyongere bw'ubuhehere mu gice cya 2 kubera imvura yabaye nyinshi mu minsi yo hagati muri uko kwezi; nubwo hagaragara ukugabanuka ku buhehere mu gice cya 3; ubutaka buracyafite ubuhehere bubereye ibihingwa byinshi (**Ikarita 5, 6&7;** zirerekana ibice bya Mata; icya mbere; icya kabiri ndetse n'icya gatatu uko bikurikirana)

b) Iteganyagihe ry'ukwezi kwa Gicurasi_2018

Ibihe by'imvura bizakomeza kwiganza muri uku kwezi kwa Gicurasi_2018; mu gice cya mbere haboneka imvura izaba nyinshi mu majyaruguru y'Uburengerazuba ndetse n'uburengerazuba bw'Amajyepfo kurusha ahandi mu gihugu

Ingano y'imvura (muri mm) iteganyijwe mu minsi ije ya Gicurasi_2018:



Ikarita7: Gicurasi.2018 icyumweru cya mbere (1-7) Ikarita8: Gicurasi.2018 icyumweru cya mbere (8-14)

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)